K0163573

| | | |
|---|---|---|
| *IDENTIFICATION* | : | *0160 21/24/01/94* |
| *QUALITÉ* | : | *BONNE* |
| *DUREE* | : | *60 MINUTES* |
| *TRANSMISSION* | : | *RADIO RTLM* |
| *NOM DU FICHIER* | : | *0160WPD* |
| *DATE DE TRANSCRIPTION* | : | *Le 30/06/2000* |
| *NOM DU TRANSCRIPTEUR* | : | *MUSHONGANONO Béatrice* |
| *DICTAPHONE* [R] | : | *EXPRESS WRITER™ MODELE 2750 SERIE 667436* |

K0163574

0160

C. 38/ K 95

FACE A:
Journaliste: Habimana Kantano

* Commentaire sur la réunion qui est en train d'avoir lieu au village Urugwiro entre Twagiramungu Faustin, Agathe Uwiringiyimana, Nzamurambaho, Gatabazi, Ngango, Nayinzira.

* Lecture de la déclaration des evêques rwandais sur les problèmes politiques qui assiègent actuellement le pays. Commentaires.

* Commentaire sur le match de football prochainement prévu entre l'équipe du FPR et de l'équipe Rayon Sport.

* Commentaire sur les événements du Burundi.

* Commentaire sur le FPR disant qu'ils se surprotègent alors que pour le moment, ils ne risquent rien.

* Discours de Mpamo Esdras, bourgmestre de la commune Mbazi go et député du MRND lors du congrès de MRND dans la commune de Runda.

FACE B:

* Commentaires sur ce discours, à propos du conseiller de Cyahafi, sur une personne qui aurait été assassinée par le FPR à Remera, sur le comportement de la MINUAR et sur les disputes entre les prisonniers... Divers commentaires sur la ville de Kigali.

* Déclaration du préfet de la ville de Kigali, le Colonel Renzaho Tharcisse à propos de l'incident qui s'est passé à Rushashu, Remera.

## FACE A

*HABIMANA Kantano, de la RTLM*:

... batubwiye nziza bati "iyo radiyo igezweho izatugeraho ryari"? Mu by'ukuri ni uguhumbya gato, ni uguhumbya gato ku buryo..., ni uguhumbya gato mu mpera z'ukwezi, uku kwezi gusa, haa... muzatangara mwumvise RTLM yasesekaye iwanyu, dore ko izavuga ikarenga na za Bujumbura kure, ikazavuga mpaka. Maze rero... tubitayeho tubatekerezaho, abakunzi baragenda biyongera kandi ni byo, buri kintu abantu bagira icyo bagikundira, hari abavuga ngo RTLM ishyusha imitwe nyamara hari ubwo bayikundira kubera kubwiza abantu ukuri kandi ikavuga uko ibintu biriho kuko ibiriho kuri twe biravugwa, ibiriho biravugwa dore nk'uku, nk'ubu ngubu dutereye icyumvirizo, duteye icyumvirizo tubona ka ga...tsiko, (aseka) umuntu yakita agatsiko. Ubu rero... Bwana Fawusitini TWAGIRAMUNGU hariya mu Rugwiro, ubu ari kumwe na Madame UWIRINGIYIMANA Agata, bakikijwe na... NAYINZIRA, bakikijwe... na NGANGO, na GATABAZI, na NZAMURAMBAHO, barimwo rero ngo bariga icyo basubiza... ku itangazo Perezidanse ya Repubulika yashyize ahagaragara ejo. Barimwo bariga ibyo gusubiza, bariya bantu aho kugira ngo basobanure ibintu bijye mu buryo, ahubwo ngo bariga ibyo gusubiza. Nta kindi. Nk'aho bavuze bati "umuntu yatubwije ukuri", none se bazumva ukuri ryari? Bazumva ukuri ari uko cyakora tugiye mu mu... mu mihanda, haa... ari uko tugiye mu mihanda maze tukabumvisha ko tubabaye, ni cyo gisigaye, kandi tukagenda n'iyonka, buri muntu wese ubabajwe n'ikibazo cy'izi nzego z'ubutegetsi.

Nyuma rero hari abantu bavuga ngo, babeshya abazungu ngo hari za mouvances présidentielles. (Arahigimye) bakabyitiranya n'izo muri Zaïre nta ho bihuriye, nta ho bihuriye, nta mouvance présidentielle hano ihari, nta bantu babogamiye kuri Perezida wa Repubulika, nuko gusa abantu babaga... babogamiye kuri rubanda. MUGENZI ntabwo yigeze avuga ngo ni mouvence présidentielle, ni PL. Ee... nta na rimwe MDR power, nta na rimwe yigeze ivuga ko ari mouvence présidentielle! Non, ntabwo ari byo. Aa... ubwo rero abantu bashaka kubyitiranya n'ibyo muri... Zaïre, baba babeshya bacurika amagambo, babeshyabeshya. Ntabwo rero ari byo.

Maze rero itangazo ry'Abepiskopi Gatolika b'uwa mirongo cyenda na kane , Abepiskopi

Gatolika bo mu Rwanda bakoreye inama i Kigali bungurana ibitekerezo ku bibazo bimwe na bimwe bikomereye u Rwanda muri iki gihe. Batangaje ibi bikurikira :

Icya mbere: Bababajwe cyane nuko kugeza ubu inzego z'ubutegetsi bwo mu Nzibacyuho Yaguye zitarajyaho zose kandi abaturage bari mu kaga gakomeye.

Icya kabiri: Ku bavuga ko abayobozi b'amadini batandukiriye bakivanga mu bya politiki, Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda barahamya ko abayobozi b'amadini bafite uburenganzira bwo kugaragaza ibitekerezo byabo, bakagira n'inshingano zo kuvuganira imbaga y'Imana baragijwe.

Icya gatatu: Abanyarwanda bari mu gihirahiro kandi abagombye kukibavanamo baririrwa bacyurirana, baterana amagambo ndetse bakageza n'aho bahigana. Kubera iyo mpamvu Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda basaba ko Gouvernement ya Madamu Agata UWIRINGIYIMANA yajya iterana by'ukuri igakemura ibibazo byihutirwa mu gihe itarasimburwa n'ayi... n'indi. Abayobozi b'amashyaka MDR na PL bareka gukomeza kurindagiza Abanyarwanda mu byo bakora no mu byo batangaza. Ikindi, niba amashyaka MDR na PL ataranyuzwe n'inama z'ubwumvikane n'ubwiyunge yagiriwe n'abayobozi b'amadini ku itariki ya karindwi Mutarama mirongo cyenda na kane, inkiko zibishinzwe zakemura vuba impaka ku maliste y'abaministre n'abadepite bagomba guhagararira MDR na PL mu Nzibacyuho Yaguye kugira ngo Abanyarwanda bagire amahoro.

Icya kane: Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda bababajwe nuko mu gihe abantu benshi bicwa n'inzara mu turere twinshi tw'u Rwanda, abanyapolitike bo bibereye mu macenga y'urudaca, barwanira imyanya y'ubutegetsi. Nibamenye ko iyo myifatire ari ubugome busonga inzirakarengane ziri mu kaga kandi ko Imana izabibabaza.

Icya gatanu: Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda baratabaza za kiliziya, ibihugu n'imiryango mpuzamahanga kugira ngo bakore ibishoboka byose batabare u Rwanda kuko inzara iriho itsemba imbaga y'Imana. Bakomeje kubashimira inkunga batahwemye kubagaragariza.

Icya gatandatu: Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda barasaba Abanyarwanda cyane cyane abakirisitu gukomeza gutabara abavandimwe bicwa n'inzara no gushakira hamwe intsinzi y'inzara iri mu gihugu.

Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda barangije iri tangazo basaba Imana guha Abanyarwanda bose umugisha n'amahoro arambye. Amina.

Maze rero... iyi baruwa yashyizweho umukono na Tadeyo NTIHINYURWA, Perezida wungirije w'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda, Visenti NSENGIYUMVA, Yohani Batisita GAHAMANYI, Fokasi NIKWIGIZE, Wenzisilasi KALIBUSHI, na Agusitini MISAGO, Umwepiskopi wa Gikongoro.

Iyi baruwa rero nizere yuko TWAGIRAMUNGU yamugezeho, TWAGIRAMUUNGU Fawusitini aho yihereranye hariya mu Rugwiro na NGANGO, na... GATABAZI, na... NAYINZIRA. Agatsiko kaketse yuko ngo ari ko kagize Abanyarwanda. Kariya gatsiko rero umunsi rubanda nyamwinshi yarakaye ikagahombora, nta... nta... nta kundi bizagenda, nta kundi bizagenda, ntibakeke yuko aha... uko byagenze ntabo, ntawe ubiyobewe. Niba rero NAYINZIRA ashobora kugenda wenyine ku giti cye ngo agahagarariye Abanyarwanda, ishyaka PSD, ishyaka PSD ritanafite ye...ritanafite byibuze na kimwe cya kabiri cya Butare ki... rikavuga ko rihagarariye Abanyarwanda. Bakajyana na... na Fawusitini TWAGIRAMUNGU we wenyine uhagaze nk'u... nk'u... nk'urutoki, nk'urutoki rw'umubembe rumwe a... akavuga yuko na we ahagarariye Abanyarwanda nyamwinshi, abandi bakihagararira bakamureba bati "nyabuneka ibyo murimo na FPR turabireba", umunsi rero abantu babavumbukanye, haa... bariya bagabo ndakeka yuko na MINUAR basigaye bitwaza bagurutsa indege n'iki nta cyo izabamarira. Iri tangazo rero ry'Abepiskopi murabona yuko ririmo agahinda, ririmo akababaro, ndetse ririmo n'umujinya, nuko... barakaye nyine mu buryo bwa... bwa... bwa gikirisitu, ariko koko bararakaye. Kandi koko nta wutarakara, iby'abanyepolitike barimo, n'abiyita abanyapolitike bitiye ubwoba. None se abantu bazajya basazwa n'amadeni barimo, basazwe n'imyanya bishakira n'Imana itari, itari kuzapfa ibaraguriye, abo ni nka ba NAYINZIRA, a... maze barindagize Abanyarwanda. Ubu se Abanyarwanda ntibabona aho rubanda nyamwindi ihereреye n'aho iri, n'icyo ishaka? Ababeshya

rero ngo ni za mouvances présidentielles, ngo ni ababogamiye kuri MRND, nyamara baribeshya, baribeshya umenya badakurikira amateka, iyo abantu bahagurutse bati "twe twabibonye, twabacakiye". Murashaka gufata impunzi zihungutse ngo muzihe ubutegetsi bwose, muhe FPR ubutegetsi idusubize ku ngoyi". Iyo abantu babyanze gutyo niba ukunda demokarasi, ugomba kubyemera. Cyakora abazungu bo bamaze kwita RUKOKOMA l'homme le plus anti-démocratique du... du... de l'Afrique. Ubwo rero... ee... ni umudiplomate warinyibiye kandi ukomeye, bamwise l'homme le plus anti-diplomatique ee... ndakeka yuko babimbwiye mu Cyongereza. Ehe ! Uwo mugabo rero murumva ko no mu bazungu ntaho ashingiye, umuntu rero asigaye ariho akaguru kamwe, ntabwo akomeza kuturindagiza igihe kinini, ntabwo bishoboka! Ntabwo bishoboka abantu bagomba kurakara, dore n'abapadiri na bo barakaye. Maze rero tu...(inaudible)

... i Kigali, ubu ni saa sita, saa sita zuzuye, muri studio za Radio yigenga RTLM. Maze rero he he he ! Dutandukanye ariko amakuru akiza, amakuru arimo araza pe ! Amakuru arimo araza. Atangiye kuza, inkuru rero ya nyuma turangirijeho, inkuru ya nyuma turangirije ni inkuru yerekereye mu Burundi, mu Burundi rero nk'uko nababwiraga na ho e... ba... basirikare, abasirikare ba BIKOMAGU bakomeje kwigira ishyano, bakomeje kwigira ishyano mbese nk'uko FPR na yo yi... imeze hano n'ibyitso byayo n'abayikorera n'iki na bo ba... bameze nabi.

Abantu bameze nabi rero... ubwo abitwa ba GATERA Kalipoforo, abitwa ba nde ya nde, bariya bantu bose baba muri... ee... ba GATERA n'abandi, abitwa ba... ba nde ra? Ba nde ra ba..., yego bariya ba GATERA na ba nde? Na bo rero ngo ubu ngubu ba... bakaze, ngo bagiye gufata Rayon sport, ikipe yiyibashye cyane maze ngo bakine n'Inkotanyi, niba ngo bazayiijyana ku Mulindi! Niba ngo bazayijyana he? Niba bazakinira ino nta wamenya. Ariko se ikipe y'Inkotanyi, yitwa nde? Yanditse mu yihe fédération? Yanditse hehe ku buryo abo bagabo bajyamo gusa bakayivuyanga ngo barashaka kuyigira iy'Inkotanyi.

Maze rero ibyo bintu bishobora guterana abafana, ikipe Rayon sport ni ikipe idakinishwa, ikomeye iri mu rwego rwo hejuru, umuntu atapfa gukinisha mu maselire no mu masegiteri ngo bishoboke. Niba rero... iyo kipe y'Inkotanyi ya Selire Mulindi, cyangwa ya Segiteri Kinihira,

ee... igomba kujya muri fédération ikaba izwi koko, abantu bakavuga ko ari équipe, bakanayireba aho ikina. Naho ubundi yagombye kubanza gukina n'amaselire, n'amasegiteri, ikimenyekanisha, yenda ikamenyekanisha n'Inkotanyi, ariko rero kuza iga... abantu bakorera FPR gukomeza bayi... bashaka kugira ngo bayitobange bayijyane mu bintu by'amashyaka, iyo équipe ikomeye kwaba ari ukuyangiriza rwose, abayikunda bose bose bose aa... bahagurukira icyarimwe bavuga bati "ntabwo bishoboka, ntabwo bishoboka, nta wafata équipe rwose nka Rayon sport ngo ayijyane mu... ngo ayijyane gukina n'Inkotanyi ntabwo bishoboka. Inkotanyi niba zishaka kwimenyekanisha nizikine na... na... nizihamagare... Interahamwe zikine, zihamagare Abajideri bakine, zihamagare kuko hari amakipe y'amaselire n'ubwo hakinamo abakinnyi bakomeye ariko ikipe y'Inkotanyi itagira fédération yanditsemo, itagira iki, yapfa gukina gusa n'ikipe ya Rayon sport yo muri fédération ee... ngo ngo bigire inzira. Nyuma kandi umuntu agomba kureba n'inyuma icyo abo bantu ba... babishakira. Niba rero wa mugani bashaka équipe Rayon sport kuyiha cachet y'Inkotanyi, ibyo bintu ntabwo bi... bishoboka. Ba GATARI na ba GATERA na ba nde, bashaka kujya muri ibyo bintu baranditse amabarwa, bagize gute, ariko ibyo ni ukuyobya amarari, ni ukuyobya amarari, igihe kizagera ariko ubu igihe ntabwo kiragera cyo gufata équipe ngo uyikoreshe mu bintu byo kwamamaza ishyaka bita FPR.

Maze rero inkuru ya nyuma ivugwa mu Burundi ni uko Prezida w'u Burundi Cyprien NTARYAMIRA wagombaga kurahira ejo, byananiranye ko arahira, byananiranye ko arahira mbese ibyo FPR ikora ino i...hagarika ishyirwaho ry'inzego ni byo mbese ikora nk'i bu... ikora i Burundi. Ehe hari uwamaze kunterefona arambwira ngo ngoUmututsi ngo ni Umurundi, ngo Umututsi wo mu Rwanda ni nk'uwo mu Rwanda, ahaa... ariko rero imi... imikorere urabona ari imwe. Umugabo rero bamubujije kurahira kandi Abarundi bara... bakeneye ibyo bintu, rwose murumva ko murumva ko ni nk'uko hano mu Rwanda dukeneye ishyirwaho ry'inzego. None barabihagaritse. Babihagaritse bate? Ba... bata... batanze ibirego ishyano ryose mu Nteko I... Ishinga Amategeko, ee... ab'i... ishyaka ryitwa ABASA? ngo na ryo ngo ryari rifite umukandida, ngo yararyamiwe ngo bamwibye amajwi, ibiki byose za UPRONA, ibintu byose ariko ibyo birumvikana yuko inyuma y'aho hari ikiganza cya BIKOMAGU, hari... hari umunwa w'imbunda ye, mbese urumva ko ni ukwi...degembya.

Hanyuma ku byerekeye rero Ingabo za ONU, za... za OUA, zigomba kuza i Burundi, na zo zagombaga kuza ejo, none na byo byahagaze. Byahagaritswe ni iki? Byahagaritswe na ba KINIGI, na ba nde ya nde, ngo baracya... ngo baracyareba ngo uko byagenda, wumve na we ra! Ibyo bintu ni akumiro rero, ngiyo inkuru ya nyuma y'i Burundi.

Ku byerekeye sport, mwumvise yuko abantu basaze basizoye ngo équipe Rayon sport ngo igomba gukina n'Inkotanyi, niba ari ku Mulindi, niba ari he? Abantu na bo bavuze bati "ibyo bintu ntabwo ari byo, ntabwo équipe Rayon sport ari yo igiye kujya yamamaza Inkotanyi muri iki gihugu". Ubwo rero... ni ukureba aho ukuri kuri, n'ababitegura bakumva yuko nta bugome burimo, ahubwo... ayo mayeri yabo ni yo abantu bakomye imbere.

Mu y'andi makuru rero, itangazo ry'Abepiskopi Gatolika, barakaye, bashyize itangazo ahagaragara naribasomeye mu kanya. Barakaye cyane bavuga bati "ibintu ni amarorerwa, mwidukoresha amarorerwa, nimushyireho inzego abaturage dushinzwe kuragira bave mu gihirahiro". Nuko barangiza itangazo ryabo basaba Imana y'i Rwanda ngo ibi bintu ibitunganye.

Maze rero abumva, abumva Radio RTLM, abumva Radio RTLM maze mukomeze mugire umunsi mwiza, HABIMANA Kantano ari hano kuri micro na Tekinisiye KAMANZI Lawurenti n'abandi bastagiaire bari bari kuri technique turabashimiye mwese, mukomere, mukomere. Dukomeze dutegereze icyo abanyapolitike bacu baza kwibaza bakumva inyungu za bo bagomba kuzireka hanyuma iza rubanda nyamwinshi, iza rubanda nyamwinshi, rubanda nyamwi... nta kubitinya, iza rubanda nyamwinshi zikabona ijambo. N'abavuga za mouvances présidentielles ni ukujijisha rubanda, nta mouvance présidentielle iri mu Rwanda hari abaturage benshi babona ko ibyo bashaka gukorera guha FPR ari byinshi, hanyuma bati "ye kudutwara ibintu nkaho yadutsinze tukaba turi ingaruzwamuheto".

Hanyuma rero FPRna yo igakomeza inangira igira ite, nta wamenya ibyo irimo. Hanyuma... twamenye ko n'abasirikare ba FPR ejo batumiye aa... Bwana MAZIMPAKA Patrick mu kiganiro ngo aze agirana ikiganiro cyo bita "débat", ikiganiro kirambaye kuri Radio Rwanda, kwa mukeba wacu, Patrick aje Inkotanyi zigota Radio Rwanda hose no mu gasongero, bati "ibi ntabyo ntabwo

ikiganiro kigishobotse". Hanyuma... kuri Ambassade y'Abanyamerika ibyo bintu na byo byari byabaye, umugabo yagiye ku... bari babatumiye, bagiye gufungura Inkotanyi zuzura hose, abantu babura ahantu banyura, ngo zirabarinze ra! Noneho abantu bakavuga bati "ee... ibyo ari byo byose niba abantu babarinze koko ni byo, ariko nk'ahantu se nko muri Ambassade y'Abanyamerika, ahantu hateraniye abantu biyubashye, gutanga ikiganiro kuri Radio Rwanda ni ngombwa yuko Inkotanyi yurira no mu bushorishori n'imbunda n'iki, boshye micro iryana cyangwa ari isasu? '
Nyuma kandi abantu ntibakajye bakabya, ba MAZIMPAKA Patrick, ba nde ya nde, ariko ni nde ushaka kubica? Jyewe ntabwo mbyumva. Uwashaka kubica yabica igihe cyose yabonera, ariko rero nta watumira abantu ati "nimuze tubane mu kivandimwe, mushyire intwaro hasi", hanyuma ngo abe ata... ngo atangire abe ari we ubica ! Ntibishoboka ! Ahubwo ahantu bashobora kugirira ingorane ni nk'igihe yenda hari umunyapolitike ukomeye, mu bo babana bababangamiye wakwicwa, icyo gihe koko haa... bagomba ababarinda. Ariko ubu nta wo... ntabwo ari ngombwa.

Maze rero abumva Radio RTLM, mugire umunsi mwiza, twarondogoye bihagije, icyo mu nda kirashaka icyo mu nkono. Mukomere. (Musique)

...Kigali, ubu ni saa mbiri n'iminota mirongo ine n'itanu muri studio za Radio yigenga RTLM, ivugira i Kigali, abari mu matagisi mutembera, mwese mukomere, mugende mutekereza neza ibyo muri buhahe, kugira ngo... muzigame udufaranga ibintu birakomeye, ibintu birakomeye abantu batangiye kwibaza bati "ese mama tuzahembwa kuri uku kwezi, bizagenda gute"? Ahaa... uwari umenyereye kugura inkoko, ni ukwemera aka... akagura amagi, ehee... naho ubundi birakomeye.

Hanyuma rero... uhuu... nagiye muri taxi uyu munsi itagira radio, haa... amatagisi adafite radio rero muri iki gihe, uhum, abantu basigaye bahagarara ku muhanda, bakabaza bati "ese iyo taxi yawe irimo RTLM ngo tugende twumva amakuru ashyushye"? Urabona nk'umuntu uvuye muri gare ajya nk'i Remera, urumva ko yagera i Remera amakuru amucitse cyangwa... ku Kacyiru, haa... babone rero hatarimo radio ngo ubumvishe RTLM haa bati "ntabwo", bakaba baretse, hakaza iyirimo radio. Maze rero abanyamatagisi mugerageze gushyira amaradio mu matagisi

K0163582

yanyu, burya na byo... ni kimwe mu minyenga mu gihe haje RTLM hagati ya saa mbiri kugeza... saa tanu, umuntu aba yumvishe ibintu bitari bike, mugerageze rero amaradiyo ntabwo ahenda, ntabwo ahenda, cyangwa se n'uwapfa kujyanamo ka MERA, ahaa... ubwo rero icyo gihe yabona icyashara naho ubundi abantu basigaye bavuga bati "reka da! Niba hatarimo RTLM ntabwo, ntabwo dushobora dushobora kuyigendamo. Nuko bagategereza iyirimo radio. Ubwo rero abanyamataxi mushake amaradio.

Ubwo rero nizere yuko ubwo bazajya muri meeting i Kayenzi muri iyi minsi, iby'ibihoza byararangiye, politike yari mbi y'Inkotanyi, ubwo rero turizera ko kwa Disimasi NSENGIYAREMYE na ho hazaboneka abayoboke ba... MRND. Hanyuma rero... ndetse muri Gitarama henshi, ejo bundi tariki esheshatu meeting ya MRND izabera muri komine, Komine... Nyabikenke, Komine Nyabikenke, ahantu bakubise abantu bakabica, bakagira gute, ngo barahatana yuko ngo MDR Pa..., MDR Parmehutu yaba ishyaka ryonyine muri Gitarama. Mu minsi iri imbere rero... abantu bose baraba bagendagenda, za CDR, za ki, ku buryo... hee... power NSENGIYAREMYE yacungiragaho, ahubwo hari abavuga bati "murabona iyo MDR-Parmehutu yaka amatora icyo gihe", bati "yari gupfa gucungira yenda kuri Gitarama, ikagerageza, none, none rero mu gihe, nyuma y'imyaka... nta wuzi ikizaba gisigaye".

Hanyuma rero... ubwo ni ukubitega amaso, gusa ikigaragara nuko MRND muri Perefegitura ya Gitarama, itangiye kugenda izamuka, izamuka, n'andi mashyaka agenda asatira Gitarama, yari umurima urinzwe... wa MDR, yego irakiri bastion ya MDR ariko rero..., ariko rero ibintu biragenda bihinduka, iyo baka amatora cya gihe bakubitaga abayoboke b'andi mashyaka, bari kugerageza, none nyuma y'imyaka... aa.... abantu barashize ubwoba, bizaba ari ibindi bindi.

Maze rero muri Runda, bavuze amagambo menshi, ariko ndagira ngo mbatoranyirize ijambo rigufi, ry'umugabo witwa MPAMO Esdras. MPAMO Esdras rero akaba ari depite wa MRND, yabaye Burugumestre wa Masango igihe kinini, aba depite... ubu ni depite wa MRND mu Nteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho Yaguye. Haa... nuko rero abazarahiramo amakostimu yabumiyeho, ntibazi uko bizagenda, ntibazi igihe... yarashaje bagiye muri La Comète, baraguze, bagize gute, wapi, akanga agasaza. Ubu rero... hum ni ukubitega amaso. Maze rero hinga muri

aka kanya twumve bwana (interruption) ijambo yabwiye abantu b'i Runda.

***MPAMO Esdras, député de MRND:***

Na we se iki cyuma kirambuza kuvuga, ngasanga rero kereka ahari nka Kantano ugira ati "njyane... mvome, mvome, mvome njyane". Kantano rero voma jyana. Congrés... congrés yagutse yo muri Komine ya Runda y'ishyaka ryacu, ishyaka ry'ubumwe n'amahoro, ishyaka mwese mukunda, ishyaka mwahisemo, ishyaka kandi rifite intego, ko muruzi ari congrés ibaye meeting byagenda bite? Icyo kibazo mukibaze. (Applaudissements et bruits des auditeurs) Ibaye meeting yahamagaje abarwanashyaka bose b'iyi komine bo mu ishyaka ryacu, ikaba meeting yahamagaje abaturanyi n'inshuti, ikaba meeting yazanye abo KAMANA bose yabanye na bo bari baje kumushyigikira mu ishyaka rye, byagenda bite? Mbese mu byitege namwe, ibi bibabere ikimenyetso, yuko igihe meeting izaba yabaye, muzagira muti "reka tujye kwirebera, tujye kwirebera aho ishyaka rigejeje". Jye mpagurukijwe no kubabwira ibintu bitatu, ibintu bitatu :

Icya mbere : Ndabashima. Muti "ese uradushimira iki"? Barwanashyaka bagize congrés ya MRND muri Komine ya Runda. Nuko muri za ngorane zose mwagize, mwerekanye yuko muri abantu mukunda amahoro. Muri abantu bihangana. Muri abantu bumvise neza amatwara y'ishyaka ryanyu MRND. Ndabashimira yuko igihe babasenyeraga bamwe muri mwe, abashakaga ubutegetsi ku gitugu, ku ngufu, bagira ngo babatere ubwoba, barabirukanye, mwarahunze, ariko Abanyarwanda baciye umugani yuko ngo "wirukana umugabo kenshi ukamumara ubwoba". Mwashize ubwoba nimwihe amashyi rwose. (Applaudissements)

Niba rero mbashimye, mukwiriye ishimwe n'ayo mashyi mumaze kwiha, ishyaka ryanyu mwamaze kumva aho rigejeje amatwara, Konseye membre wa komite ya Perefegitura kandi membre wa komite y'ishyaka mu rwego rw'igihugu KAYONDO Petero yamaze kubabwira abaha bila y'ishyaka ryacu muri Perefegitura yacu. Yewe yanajyanye abageza no mu mishyikirano, yabajyanye abageza n'Inkotanyi zimaze kugera i Kigali, yamaze kubabwira muri makeya. Nagira ngo rero mbashime, mukomeze, mukomeze umurego, inzira iracyari ndende. Objectif y'ishyaka ryacu ntabwo turayigeraho, ni amatora (applaudissements). Amatora rero ni yo mugomba kureba ni yo mugomba kugira intego, ni yo azagaragaza icyo ishyaka ryacu icyo

ari cyo. Kandi ikintu gishimishije nuko ayo matora azabaho LONI iyahagarariye nk'uko yahagarara ayo muri mirongo itandatu na rimwe na mirongo itandatu na kabiri, twabonye ubwigenge. Twamaze gutsinda tumaze gutsinda, mu ishyaka ryariho icyo gihe MDR Parmehutu, nuko LONI irataha idusigira ubutegetsi. Abandi bati "ntabwo ubutegetsi babuhawe n'ingufu z'Abanyarwanda, ahubwo ni Ababiligi". Murebe ibiri amambu abo bavugaga ngo batanze ubutegetsi ubu ni bo bitabajwe ngo baze babafashe.

Aho hari ikibazo rero, nagira ngo rero mwibuke mwese abari hano, abari hano bakuru, abari hano batoya nimujye musanga bariya basaza, nimujye mukura muganire na bo mubabaze, mubabaze muti "mbese mirongo itanu n'icyenda byagenze bite? Mirongo itandatu byagenze bite? Mirongo itandatu na rimwe byagenze bite? Kuri makumyabiri n'umunani, mu kwezi kwa mbere". Mujye mujyana amateka, azajya abafasha, nimushaka mujye mwiga n'amateka y'iwanyu hanyi... hano i Runda na Taba. Mwige amateka ya RUGAJU rwa MUTIMBO muri kano karere k'iwanyu. Ese kuki mutayiga kandi muyazi, kandi mugomba kuyasoma? Mwige amateka y'igihugu cyanyu rero.

Ishyaka rero ryacu MRND, ishyaka riharanira demokarasi muri Repubulika n'Amajyambere ya rubanda nyamwinshi, iryo shyaka rivuguruye, iryo shyaka ryabacengeyemo, iryo shyaka mwabonye amatwara yaryo, barwanashyaka ba MRND muri Komine rero ya Runda hano, nimwishime, nimushikame, nimushinge imizi nk'uko uriya uriya muyobozi w'irindiro amaze kuvuga, nimushinge imizi mu bitekerezo, nimushinge imizi mu ngamba z'ishyaka, kuko n'Inkotanyi zaraje, ubu turasangira ibyiza by'u Rwanda. Bararya ibyiza mwakoze. Ibi... ibishyimbo mwahinze, ibijumba mwahinze, amasaka mwahinze, inka zoroye, mwo...mworoye ubu ni byo bibatunze, bari hanze kandi ntacyo barukoreye! (Applaudissements). Ni ukubabwira yuko rero ubwo baje dusangira, ubwo baje tuganira, ubwo baje bagiye kujya mu ngabo, mwihinda umuhishyitsi, barwanashyaka b'ishyaka ryacu, ahubwo nimwitegure ukuntu muzumvikana na bariya bantu, ukuntu muzabana na bariya bantu kuko ni bene wanyu.

Ndagira ngo mbabwire rero ba... barwanashyaka bacu, ba militantes ba militants, ishyaka ryacu mwumvise ukuntu rimeze, ndababwira yuko no muri kariya karere Inkotanyi zafashe, amatora ntabwo yabahiriye, muri Perefegitura ya Byumba, muri Ruhengeri, amatora ntabwo yabahiriye.

Ishyaka ryanyu, ishyaka ryacu, ishyaka riharanira ubumwe n'amahoro kandi rigamije amajyambere ya rubanda, ni ryo ryatsinze bajyanama, ni ryo ryatsinze mu maselire, ni ryo ryatsinze kuri... umwanya wa Burugumestre, kuki mutakiha amashyi mumenye ko ishyaka ryanyu... (applaudissements). Erega, erega ni umutamenwa. Iryo shyaka ni umutamenwa. Ni umutamenwa. Mbese birashoboka yuko umuntu yaza akagusenyera, akakwicira abana, akakwicira ababyara, akakwicira ababyeyi, hanyuma u... yaza ngo ni umukandida, dutora muri demokrasi ukamutora? Birashoboka? (Applaudissement) Oya ntibishoboka rwose. Ntibishoboka.

Nuko, rero niba demokrasi nyine u Rwanda rwiyemeje, ari yo na bo bareba ko ari yo koko atari igitugu, mu (interruption). ...murashishoze, ishyaka gukomeza ubwitonzi n'ubushishozi burya ni ngombwa. Ubwo rero inyoni yakuneyeho itakwaritseho, ibyo ni ubutwari, komeza ubwitonzi n'ubushishozi.

Icya kabiri: Yakivuze umurwanashyaka Jérôme. Gendererana na bagenzi bawe, genderera bagenzi bawe, nimusurane, nimugenderane, nimuhane ibitekerezo, nimuhane amakuru, nimuganire, nimukene, nimukene, nimukene, ba bandi bajya gutegera abantu hariya hirya, nimubagenzure mubamenye, mubavumbure. Nimugendererane, nimuhane ibitekerezo ari byo bita évaluations z'ishyaka ryawe, ndetse nibishoboka, nibishoboka, nibishoboka umunye n'ibyo mu y'andi mashyaka. Nibishoboka umenye n'ibyo mu y'andi mashyaka.

Ikindi cy'ingenzi yaba gahunda ikomeye, ni ugukunda umurimo. Basore bari hano, rubyiruko rwa none ruri hano, yemwe babyeyi na mwe bakuru, nimukunde umurimo, nimukorere ingo zanyu, nimuzishakire amahoro, mumenye yuko ubwanyu, nahoze numve KAMANA, membre wa Komite ya Perefegitura, membre wa Komite nkuru y'igihugu, ababwira ibyerekeye imihanda. Urubyiruko nirwishyire hamwe, nimutunganye ibyo i... nimutunganye ibyo byaro by'iwanyu, ni byo gahunda ya muvoma yacu, kuko nimubikora, muzaba mutandukanye n'andi mashyaka, kuko u Rwanda koko ruzazamurwa n'amaboko y'abana barwo, na komine yanyu ni uko, nta w'undi uzayizamura atari mwebwe Abanyarunda (applaudissements). Icyo Irindiro ryavuze mwacyumvise. Singisubiramo na cyo ni intego y'ingamba. Mukwiriye rwose kugitwara nkaho ari cyo. Bya bindi abantu bagiye basezeranya abantu urareba ugasanga ntabyo, baraje bashaka

K0163586

gucakira, bashaka gucakira ku butege... kandi mbabwire, muri ya matwara yabo, iyo bibuka ya masezerano, ee... iby'iwacu bizamara amezi atatu, barigucakira, ariko byarananiranye. Mu myaka ibiri uzasanga basigaye bahagaze bonyine nk'uko Rukokoma asigaye wenyine ahagaze (applaudissement). Imyaka ibiri izashira bariya bantu bahagaze bonyine.

Barwanashyaka rero ba MRND bo muri Komine ya Runda, ndabashimira ko mwakoze iki gitekerezo cyiza cyane, ishyaka ryacu rirakomeye, ndabashimira...

**Fin de la face A**

**FACE B**

*HABIMANA Kantano, journaliste de RTLM:*

...dakomeye, twakomeje tuvuga ukuri, tuvuga ukuri, (inaudible) abakoze amakosa, bajye bemera ko bakoze amakosa. Ariko kandi banibuke no gutanga amande kuko ntibihagije kuvuga ngo nakoze ikosa, ngo basi ngo (inaudible) ngo uko abyumva muri demokarasi, umuntu yasenyerwaga azira iki? Azira iki ko no mu muryango wawe ushobora kugira umugore akaba FPR, oo... hanyuma noneho umugabo akaba Umusederi. Haa... ahenshi ahubwo ni ko bimeze mu ngo zimwe na zimwe! Ha... abifitiye, hari abagiye bifitiye ba bana bo mu barebare bo mu... bavutse ahantu, ubu ngubu ni FPR, ugasanga umugabo na we wamuciye uburanga n'ubwiza ati "ha...", ati "nanjye ndi CDR", bati "reka da"! Bati "ni ha handi hawe"! Ugasanga rero byayoberanye.

Maze rero Abanyerunda mukomere, twizere ko mutazongera gukubitwa muzira ishyaka mwihitiyemo iryo ari ryo ryose, si MRND gusa mushobora no guhitamoFPR, mushobora no guhitamo ibiki byose ariko icyangombwa nuko umuntu atazira icyo yikundira, icyo yihitiyemo.

Maze rero mukomere cyane abari muri, muri kongere y'ejo, mwese ndabashuhuje, mwese mwese maze mukomere, ibya politike tube tubyigijeyo gato hanyuma noneho... hari umugabo witwa NSANZIMANA, NSANZIMANA i Byumba, NSANZIMANA i Byumba mukomere mwese murimo... ngo murimo murumva, mumaze kunterefona no...

... Kigali, ubu ni saa yine, saa yine n'iminota... mirongo hafi mirongo itatu muri studio zacu, neza neza ni saa yine n'iminota makumyabiri n'icyenda hano muri studio za Radio yigenga RTLM. Amakuru rero mu kanya, amakuru nari ndimo mbashakira, haa... Konseye wa Cyahafi yaterefonnye, Konseye wa Cyahafi yatelefonnye avuga ati "nyabuneka Kantano murambeshyera, mura... murambeshyera ntabwo nashakaga kurya ruswa, ahubwo ni amafaranga nashakaga kugira ngo ninjize mu mutungo wa komine. Hanyuma rero... ati "umutekamutwe Valensi ZIRI...

ZIRIMANGABO" ee... bati "umutakamutwe Valensi ki... ZIRIMANGABO yari yagu... yaguze n'Umurundi inzu miliyoni n'ibihumbi magana abiri, noneho kugira ngo adatanga umusoro w'amafaranga atandatu ku ijana ahabwa komine arabeshya aa... aa... yandikisha ibihumbi magana atatu gusa", ati "hanyuma ndabivumbura", ati "ndamukurikirana", ati "hanyuma rero", ati "mukurikiranye", ati "nibwo ubona... yashakaga kumparabika" ngo "ndashaka kumurya ruswa". Ati "naho ubundi nashakaga, naharaniraga umutungo wa Komine. Bwana Konseye rero wa Cyahafi, hee... komere niba waraharaniraga umutungo wa komine, ni byiza rwose bazaguhe amanota, jye naketse yuko washakaga kurya ruswa muri iki gihe abantu bakanuye amenyo, muri iki gihe ari RTLM izimura. Hein ni ukubyitondera.

Radio RTLM rero hari abantu na bo bashaka... kuyikinisha, kuyikinisha bayiha amakuru atari yo ariko bashaka kuduta mu mutego tukitegura, tukitegura vuba vuba hari nk'umuntu wari ushatse guharabika uwitwa RWABUTOGO François, hanyuma... rero nibwo navugaga nti RWABUTOGO François gera hano ugire icyo uvuga, hari umuntu wavugaga ngo "yatwaye amfaranga ibihumbi ijana na mirongo inani abaturage. Ariko rero yerekanye ko ubwo abaturage bafite reçu ati "cyangwa abaturage bateranya ibihumbi ijana na mirongo inani ni bangahe muri iki gihe inzara yaciye ibintu", ati "babikura he"? Maze rero uwo muntu watwandikiye atubeshyerera umunyamakuru, azamuvuge ibindi naho ibyo rero ibihumbi ijana na mirongo dusanze ari umwere cyangwa se bazamurege niba koko babifitiye reçu, niba kandi baratanze amafaranga angana atyo nta reçu ibyo ni akaga.

Maze rero ari Konseye wa... wa Cyahafi, ari... na he! Nyamara kandi ababa baduhaye inkuru ni abantu uba ukeka ko bizewe ra! Ariko rero kenshi haba harimo impamvu n'inyungu. Ariko rero ibyo byose turabi...vumbura, ibiriho biravugwa, iyo dusanze ari byo rero ubwo ni sawa, nk'ubwo tumenye ko Valensi yaguze inzu ya miliyoni n'ibihumbi magana abiri akiyandikira ibihumbi magana atatu. Ayo mayeri rero barayakoresha mu bagurisha amazu, ni ukuba maso mugashyira umutungo muri komine wose wose, mukawushyiramo wose.

Maze rero... mu makuru ashyushye mu kanya turibubagezeho ehee! Twavuze ibyabereye i Remera aho Inkotanyi zagandaguye umuntu, hanyuma rero... mu kanya... mu kanya abategetsi

babishinzwe baragira icyo babivugaho, abategetsi bashinzwe uyu mugi wa Kigali n'umutekano wabo baragira icyo babivugaho niba Inkotanyi zaraje kutugandaguriramo cyangwa tugandagurane, nta mutekano waba ubaye.

Hanyuma rero ku byerekeye abasirikare ba MINUAR na bo baraye bahanganye, baraye bahanganye ngo n'Interahamwe hariya ku Gitega. Haa! Abantu bose babonye ngo ni Interahamwe. Ibyo ari byo byose ni abantu na bo bakora amakosa, hari igihe akugongera imodoka yashaka kugenda wamutanga imbere, ngo Interahamwe ngo iramutangiriye! Hari agutera ibyondo wavuga uti nyabuneka, ngo Interahamwe ngo irakosheje! Ibyo rero ntabwo ari byo. Ibyo ari byo byose ubushize i Nyamirambo na ho hari habaye ingorane nk'uko, abantu bo muri MINUAR, umusirikare umwe yikuye cya kigofero kinini cyi... cy'ikibumba, agishyira hejuru y'i... y'imodoka noneho baza kugenda, noneho gihuruduka hejuru y'imodoka kitura hasi mu muhanda (Aseka) bagira ngo ni... ngo ni Interahamwe zibateye amabuye, bavamo birukanka n'imbunda ba... bazifashe barebye basanga ni ikigofero cyabo bari bagiye batarebye ko cyari gi... kirambitse hejuru y'imodoka. Nuko ubwo sinakubwira induru ziravuga, ngo Interahamwe yari iteye aba MINUAR ibuye, babona na rwa rugofero rwabo rw'i... rw'icyuma rwatakaye nuko bararutora, ariko bari basaze ngo ibintu biracitse ngo babateye amabuye. Ubwo rero ntabwo ari byo.

Na none rero ku byerekeye... ibi by'aba MINUAR, ku wa gatanu itariki makumyabiri n'imwe z'ukwa mbere, uwo ni umuntu wababonye, nyuma ya saa sita ku Ntaraga, imbere ya KOFOMERI. Ni hariya hakurya ku Kimisagara, aba MINUAR b'Ababiligi babiri bari muri ya modoka yabo ya camion bahagaritse mwese SEBAHINZI bamubaza ngo "niba ari Umuhutu cyangwa ari Umututsi". Yabasubije ko ari umwirabura. Ibyo bintu Ababiligi barabi... barabikora kuko hari igihe bakora gutya ku mazuru berekana ko, berekana ko umuntu... berekana ko umuntu aha... ari... ari Umututsi, cyangwa ari Umuhutu.

He kandi... he umu... Umubiligi na we w'umusikare... twaganiriye muri Kigali Night nimugo... nijoro he mu ma saa sita y'ijoro muri Kigali Night, nahahuriye n'Umubiligi na we ariko kandi anyemeza yuko ibyo bintu abireba. Hanyuma rero... abantu baza bavuye mu Bubiligi bazanye, baje kureba amazuru n'iki, ibyo ntabwo ari byo. Haa... babonye umuntu twari twiciranye nijoro

mu ma sita y'ijoro w'Interahamwe, babonye yambaye imyenda n'ingofero n'iki, Ababiligi bose baramwegera, baramwegera barareba, he noneho nti ese murareba iki? Murareba iki? Ni... ni igitangaza mubonye ko ari imyenda? Ngo "oya", ngo.... ngo "iyi uniforme imeze gutya", ngo "batubwiye ko ari iy'Interahamwe", none se Interahamwe, ntabwo murabona uniforme y'Inkotanyi? Ntabwo se murabona iki? Ubu se murabona hari ikintu afitemo? Afite se icyuma? Murabona tutinywera inzoga nk'abandi? Nuko Ababiligi babura ibintu bavuga, barumirwa nyine bari bihagiye akayoga, banicungira n'ibyana. Ubwo ni uko he ni uko bara... barayora barigendera, dusigara ariko byibuze icyo kintu nakibafa... nakibafasheho y'uko icyo kintu bakireba ndetse, no mu byana bajyana ha barabanza bagacunga, bagacunga, nuko bakabanza bakareba ku zuru ni ho barebera nta handi, he ni... ntabwo bazi ko bashobora kwibeshya. Nuko noneho babone, ubwo bagacunga nuko.

Hanyuma rero aah uwo mugabo amaze kubasubiza ati "ntabwo ndi Umututsi ndi umwirabura". Ah nyuma baje kumwereka chèque vierge, ya ONU, chèque vierge isinye ariko itariho umubare. Nuko uwo mugabo baramubwira bati "twereke aho Interahamwe ituye cyangwa umusederi", ngo "nihagira aho basanga hari kimwe mu ntwaro zizwi", ngo "ariyuzuriza kuri iyo chèque". Ngo "nibatagira intwaro bahasanga, ubwo baribu... baribumuhe ibyo ashaka".

Ubwo rero nyine... umuntu watugejejeho iyo nkuru rwose uyinzaniye hano atubwira ati "ni yo nayihagazeho nta gushidikanya", ati "rero tukaba dusaba abantu bose ko Inkotanyi imigambi yazo ari ugukoresha ayo mayeri". Musabwe rero kuba maso. Ariko sinumva kuki badasaka no mu Nkotanyi kandi naho hari imbunda? Abantu b'i... b'ibyutso n'iki na bo bafite imbunda, kandi bamwe baranyaruka bakajya kwiga kuzirashisha ku Mulindi bakaguruka. Ariko abo bantu ntibababasaka, ngo cyereka Interahamwe. Haa... ariko ye! Ni agatangaza.

Maze rero hinga mbasomere amatangazo yanyu, ORINFOR, guhera kuri télévision kwa... (inaudible), uturirimbo utwo twiza mwarimo mwumva, maze rero... ya... yarakoze. Uwaba afite indirimbo nziza wese rwose zinyura abantu yadutiza dufite ibyuma bisoma, hari za disques compacts, hari za mini iki... byose. Nta kintu rwose tudasoma, umuntu rero yatuzanira ako karirimbo maze akaririmbo keza na we akaku...(interruption) ...twe ibirangashyaka bya FPR

ntacyo tubitwara. Aha...! Ndakeka rero yuko gupfumagura amaso y'umudari, gupfumagura amaso y'umudari, ntabwo ari byo bizabavana muri prison, ndakeka yuko uwo ni umujinya mutindi, ni umujinya mutindi, niba gupfumagura bara... ari byo bamereye ni umujinya mutindi kuko gupfumagura umudari se ngo ubwo uba ukoze iki? Ibyo ari byo byose ntimukwiye kubipfa, mubareke bagire uwo mujinya mutindi n'uwo mutima mubi yenda hari ubwo uzabatsinda muri prison. Ni ko bimeze. None se baracyeka yuko Perezida wa Repubulika ari we wabashyize muri ubwo buroko se? Ko ari ibyaha byabo bikoreye ku giti cyabo? Bakeka se ku ngoma, bakeka se yuko n'ubwo FPR yafata ubutegetsi yajya... ireka Abatutsi bakikorera ibyo bashatse, baka... bakiba bakagira gute, bakambura maze umuntu akabihorera, icyo gihugu ntabwo cyashoboka.

Naho rero kwadukira imidari bapfumagura, ee... cyakora numvise ko Directeur wa prison, Directeur wa prison ahee... numvise yuko ngo yatangiye gukora anketi ngo arebe ibyo bintu bishobora guteza amahane mu... n'akaduruvayo muri prison. Maze rero muramenye mutazakora mirongo itanu n'icyenda aho. Ni muri 1930, mirongo itanu n'icyenda yari itaraza. Ntimuzakore mirongo itanu n'icyenda muri prison, muzabihorere abo babisha, hanyuma bakomeze bakore ibyo bashatse, ubwo bugizibwanabi bwabo buzabatsinda muri prison.

Abantu rero bo muri Croix-rouge, bo muri Croix-rouge eh Croix-rouge rwandaise, projet Kicyiru ya mbere, ahaa... baravuga bati "rwose Radio RTLM dutabare utubarize bariya bazungu ikintu bashaka". Nawe se bati "ejobundi twabareze muri mirongo cyenda na rimwe, baratwirukanye ku busa, none e... bamaze kutwirukanira ubusa turabarega, none nimurebe namwe ejo bundi twagiye kuburana turabarega ibihumbi birenga magana atandatu, none twagiye kuburana nk'aho baduhaye amafaranga yacu, turagenda dusanga bazanye Avocat w'umuzungu, tugize ngo turavuga mu kinyarwanda", ngo "ashwi" ngo "nimwitahire", ngo muzaza kuburana mwabonye avocat w'u... w'umuzungu na we", ngo "uvuga igifaransa". Bati "ese rwose ko ibyo tuburana byumvikana, ubu tugiye kuriha avocat na none ngo kuko tutumva igifaransa kubera iki koko? Ahubwo uwo muzungu a... abacamanza bagiye bamuhindurira ibyo tuvuze, ariko rwose ntibatuzembagize". Bati "ibi bintu ntabwo ari byo", bati "rwose nimudutabarize".

Maze rero Croix-rouge rwandaise abantu batabare imbabare, abantu batabare imbabare n' abantu babuze udufaranga twabo bari muri chômage barababaye, mushatse mwabaha udufaranga twabo. Abantu bo muri Croix-rouge rwandaise baburana n'abo bakozi batandatu, rwose... bari bakwiye kubaha udufaranga twabo, aho kuvuga... bakazana avoka w'umuzungu ngo nibitahire ngo bazaburana bamenye igifransa. Hum yewe ibiri hanze aha ni... ni akumiro! Umuntu azaburana ari uko yamenye igifransa se ri... bizashoboka. Reba rero utwo duhumbi makumyabiri bari yenda kuzasagura, na two bagiye kudutanga bagura Avocat ngo kugira abasemurire igifransa kandi urubanza rwaraciwe kera, ahubwo baranasomewe ariko umuzungu arajurira nuko bati "mugenda mwi... mubanze mwiyigishe, mwige igifransa. Ni akumiro.

... ibyago ... ngiye kwiyahura ati "kubera ko haru umu... hari umuserija" ngo agashaka izina rye ariko naribuze, yooo! Narishyize he ra? Ati "rwose", ati "hari umuserija", ati "uwo muserija rwose", ati "ejo bundi araza yoshya umugore wanjye ngo ngo ngo agende", ati "rwose" ati "nuko amwoshya ajyana muri gare". Umugore wanjye aratoroka nyoberwa iyo serija yamujyanye, ati "none ndamukaciye" ati "ubu rwose ndimo ndamubaza ukuntu serija yashoboye kumunkuraho kandi rwose tubyaranye". Ati "ibi bintu ni agatangaza", ati "uwo muserija umwihanize".

Mu kanya ndamwihaniza uwo muserija wari uguhemukiye, yari ahubereye KABERUKA ndamwihaniza rwose serija, yooo yarakugiriye nabi cyane. Ya ya ya ya! Ni akumiro, mu kanya ndamushaka, mu kanya rwose ndamuvuga kugira ngo... kuko wabimbwiye ubabaye cyane uti "mwamagane kabisa" none ndamwamagana mu kanya ndamubona izina sinzi ahantu naryanditse ariko mu kanya ndaba ndibonye wahemukiye KADAHWEMA. Oh oh oh hinga mushake, ndaba mubonye mu kanya rwose kangana urwara hanyuma noneho... mushyire hariya ku Karubanda kugira ngo ajye yumva ko kurya iby'abandi huum nta wusangira undi umugore, ibindi byose mwabisangira, byeri iki byose ariko umugore shwi...! Umugore shwi shwi shwi... birabujijwe, maze rero... wa muserija mu kanya ndaguta... ndagutamaza, niba unafite n'umugore ubwo ha... arahita murahita mwahukana ha ha! Aravuga ati "narakumenye". Ubwo rero uragowe, uragowe kereka nusaba imbabazi hagati aho mu gihe nkigushaka(aseka)! Yewe hinga twumve umuziki. Hinga twumve...

...LM ivugira i Kigali, ubu ni saa tanu n'iminota mirongo itatu n'itanu muri studio zacu, mirongo

itatu n'ine, mirongo itatu n'ine nari nsimbutse na ruriya rushinge mbona. Hanyuma... ntabwo na n'itanu birashyika ni na mirongo itatu n'ine. Saa tanu n'iminota mirongo itatu n'ine haa... ubu rero ababoyi bara... barashishikaye cyane, nako si ababoyi abakozi bo mu rugo, haa... hari umukozi umwe wo mu rugo wanterefonnye aravuga ngo "yaa..." ngo "Kantano rwose" ngo "waraduharabitse ejobundi" ngo umuntu wavuze yuko turya serelake z'abana".

Ehe... hanyuma se nanjye nagize umukozi wo mu rugo, ndamufite, nzi uko abigenza. Ngo "reka" ngo "waravuze" ngo "turya aga..." ngo "tunywa agasupu ka mbere" ngo "hanyuma noneho" ngo tukongeramo amazi", ngo "tugafungura" ngo "tukanywa ka kandi kaba ka... ga... kameze neza kamwe bakata n'icyuma", aha... ngo "rwose waraduharabitse", ariko cyane cyane ngo icyamubabaje ngo ni uko navuze ngo ngo rwose... ngo yenda nk'abaturuka za Butare za Gikongoro inzara yatsembye, za Kibuye, ngo abo ngabo ngo ni ba... ngo abakozi ngo ba... ngo bakorera ubusa ngo kuko no kubatungira inda byonyine bihagije. Maze rero mwanyumvise nabi bakozi bo mu rugo, ntabwo ari uko nashatse kuvuga yuko uko byamera kose, muri iki gihe murabizi gutunga inda y'umuntu! Umuntu aravuga ati... hinga mbasetse uwaha umuboyi amafaranga, uwamuhemba ibihumbi bi... bitanu ngo yicumbikire, anigaburire, rahira ko yabivamo, rahira ko ku kwezi yasagura icya tanu? Ahaa... namwe mwibeshya, mwebe... mwibeshya mwibeshya, yego ntimurara heza hari igihe babapfunyikira mu kintu k'igikoni kibi, hari igihe mutagira ka matola, mwigaragura hasi aho ku musambi urimwo imbaragasa, ariko rero mu by'ukuri uwabahemba nk'ibihumbi bitandatu ati mwicumbikire, munigaburire ujye urya inyama saa sita na nimugoraba, iyo wagize Imana ugakora ahantu heza, hanyuma... unarye n'umuceri, hanyuma unywe n'icyo cyayi mu ma saa yine, ntabwo wabivamo, ntabwo wabivamo rwose ntiwabishobora. Icya tanu rero si menshi yego bajye babaha nka bibiri, hanyuma ubundi babatunge neza, ubundi ababakoresha birinde kubambura, cyane cyane kubambura ni ko gahinda kabi, kubona umuntu akurimo amezi atanu, atandatu ukimukorera, umutekera... ntibanagira n'ubwoba ko mwabaroga! Muri abana beza, muri abana beza!

Maze rero... abo... bita abayaya n'ababoyi bose ndabifuriza akazi keza. Akazi kezi hanyuma ubutaha muzakore syndicat, syndicat yanyu mwarabajije ngo "umugabo witwa Siriyake wo muri A... ARC" ngo "yabakiye imfashanyo ariko ariko ntiraza, ubundi bakabakira ibyangombwa byo

kugira ngo mukore, ariko rero sinzi ko na none byakunda akazi abantu bagashaka ni benshi ni benshi, noneho...

Ahubwo hari icyo nibagiwe kuba... kuba... kubavugira! Hari icyo nibagiwe kubavugira! Cyane cyane abafite abapatro aba... ndashaka kuvuga abayaya bafite abapatro ahaa! Bakorakora, ba... bashaka uduteja, abo rero ni ukubiyama, ni ukubiyama kuko iyo abonye umerewe nabi ahita avuga ngo apu! Ngo ni bene wanayu b'ababoyi ngo aha ngo jyewe ngo najya ku muboyi ngo jyewe ngo jyewe! Ah! Jyewe Kantano patron! Ahahaha haa! Abo bapatro rero mubiyame mujye mubazana kuri RTLM tuba... tubashyire hanze ah ibyo ntawabivuga ndabeshye! Ntawabivuga ariko umuntu yabivuga mu mayeri, hein! Umuntu yabivuga mu mayeri ariko rero... bajye babyirinda, gusa hari ikibazo. Icyo kibazo tujye twibaza nyine turi kumwe n'abantu, umuntu akibaza ati ariko, tuvuge ufite umugore, umugore nyine wikuriye ufite imya... amaze kugera mu zabukuru ufite imyaka mirongo ine n'itanu, yako... yizaniye umuyaya ibere riracyahagaze n'iki, ni uko ugasanga, ehe! Ni uko! Ubwo rero umukecuru yabimenya, induru akayidehera ndetse akarara amwirukanye, ariko... noneho bakavuga ngo ariko ngo ngo urabona ngo uransuzugura koko! Ngo ngo kuryamana n'umuyaya! Noneho oho ukibaza uwo mukecuru se n'iyo nkumi! (Arasetse) ni igitangaza cyakora (arasetse) yee ni igitangaza ayo ni amabanga y'urugo! Ayo ni amabanga y'urugo sinyinjiyemo cyane.

Aah ahubwo noneho Ajida namubonye wa wundi wu... ejo twahuye n'umugabo witwa KADA... mujye mwumva uko inkuru ziza, mu... nahuye n'umugabo witwa KADAHWEMA ka... twita Kadahokwa hariya muri gare, arambwira ati "Kantano mu gihe utambonaga" ati "maze iminsi ku mugore wanjye", ati "rwose ibi bintu byanyobeye biri muri uyu mujyi". Ati "kubona Ajida TEGERA wo muri Camp Kimuhurura antwarira umugore nkamubura akamumpisha muri uyu mujyi ngahangayika aho yaramu... yaramuhishe", ati " cyakora maze kuburana iwabo", ati "ubu mvuye kumutsindira", ati "tuvuganye ko rwose Ajida TEGERA wo muri Camp Kimihurura atazongera kuza iwanjye", ati "none rwose", ati "no kuri RTLM uzamunyihanirize ye kuzagaruka". Maze rero Ajida aha! Ni ukubyitondera kuko... KAHWEMA ngo yacaje umuhoro azawugucishaho n'ubwo wavuga ngo uzamurasa ariko rero azaba arwana ku bye umugore ntasangirwa! Ibindi byose birasangirwa kereka amagara n'umugore haha!

Yayaya! Tuvuge itangazo: Umukecuru witwa... (interruption) zo muri Somaliya ngo niyo mpamvu biyemeje gutangariza abumva RTLM ibi bikurikira: MINUAR yahaye ububasha Inkotanyi kuzerera mu mujyi bitwaje imbunda ibyo bakaba biduteye impungenge no gutekereza cyane icyo bagamije.

Icya kabiri twiyamye abasirikare b'Ababiligi bagize Umutwe wa MINUAR kuko batuzanaho iterabwoba badutunga imbunda, ibyo bigatuma tunanirwa (inaudible). Turasaba DALLAIRE uyobora MINUAR ko abasirikare b'Inkotanyi yanyanyagije muri uyu mujyi, ko yabasubiza iyo yabakuye niba ashaka kubumbatira umutekano kuko izo Nkotanyi ziradutera icyugazi, no kwitwi... no kutwishongoraho n'ubwirasi rugeretse. Ngo twamaganye PDI, LUNARI itangiye guhungabanya umutekano w'abaturage igenda ikubita abantu cyane cyane umushoferi wa Ministeri... wa Ministre GATABAZI. Uwo mushoferi witwa... atuye i Matimba yitwa Maliki akaba atuye i Matimba, akaba akomoka i Cyangugu akaba afite Nyirabukwe utuye imbere y'Umusigiti wa Majengo. Aa, ngo akaba afite na Muramu we witwa Selemani GAFURAMA, aa, Ngo uri... uri mu Rugano, ngo niwongera kugira uwo akora ngo aragowe. Ngo kandi ngo twamaganye uriya Mushehe ngo Abdhulkarim ngo ugenda aza gushaka abantu ngo yahinduye umwana wa Djuma NDUNDURI witwa Amani, ngo asigaye aza gushimuta inshuti zo mu mashyaka yacu, b'abanya... ba banyamahanga akabajyana ku Kimihurura kubonana n'uwo Mushehe. Uwo rero turamwiyamye! Ahaa ngo "turamwiyamye". Bara... ni abasore cumi na batanu bo mu Ki...yovu, ba... nako bo mu Biryogo, abo basore ni... aa! Hinga ndebe ko batavuze ko tutabavuga kuko kubavuga twaba tubahemukiye, aaaa! Amazina ngo tuyasome rimwe gusa. Amazina tuyasome rimwe gusa, harimo HABIMANA Rajabu, GAKWAVU Ramazani, Salumu, NKURIKIYINKA Haminsi, MURISHO Isa, Yahaya MAZIMPAKA, VUNABANDI Baruwani, MUREKATETE Hasina, MURORUNKWERE Zahara, KANGABE Ayisha, NKUNZURWANDA Siriyake, MATEMANE Ka... Karaveri, Djuma Hussen, YANZE Cassim, Hadi... Hadjidi Siradji. Abo rero ni bo ba... bamaganye ehe! Ibyo twavuze haruguru.

Ku byerekeye rero izo Nkotanyi, murabizi zaraye zigandaguye... Inkotanyi zaraye zigandaguye umuntu wari wiviriye muri butike kwa Selesitini hariya i Remera ziramurasa amasasu y'urufaya saa tanu z'ijoro zimuta mu mukoki, hanyuma rero... ubwo mu kanya Perefe amaze kugira icyo

avuga, amaze kugira icyo abivugaho, Perefe w'umujyi wa Kigali. Hanyuma rero hinga nyaruke gato, hinga nyaruke gato nsohoke gato, hanyuma noneho sinzi niba Technicien wacu yabonye Perefe. Ahan, Préfet arabonetse, Préfet w'umujyi wa Kigali, agiye rero kubasobanurira uko Inkotanyi zaraye ziganda... nanjye sindamenya icyo yasobanuye yego ko ni umunyamakuru wacu mushyashya witwa NKOMATI wari wagiyeyo, hanyuma rero ubu ntabwo nzi ibyo bavuganye neza ariko re... icyo bavuganyeho ni ibyerekeye umuntu Inkotanyi zaraye zirasiye i Remera zivuye kurya inkoko, zivuye kurya inkoko n'ibitoki no kuganira na benewabo ku mugabo witwa MUKAMA wotsa ifi n'inkoko n'iki, Inkotanyi rero zitahutse saa tanu zivugana uwo mugabo ni uko ziyinjirira muri senyenge zirabura ubwo rero murumva ko ari urugoma rukomeye niba zizajya zitugandagura zikihisha hariya muri CND, haa! Ibyo bintu byaba ari akaga, hinga twumve Préfet w'umujyi wa Kigali, RENZAHO Tharcice ikintu avuga.

***RENZAHO Tharcice, Préfet de la ville de Kigali:***

Ndagira ngo nshimire Radiyo RTLM kuba iii impaye aka kanya ko kugeza ku Banyarwanda batuye muri uyu mujyi wa Kigali, ee... ikibazo cyaraye kibaye nijoro... hafi mu ma saa tanu hariya hakurya muri Komine Gishushu, Segiteri Remera ho muri ee... Komine ya Kacyiru. Abantu bumvise amasasu ari ibintu bitari biherutse, ee... ndetse babona amasasu anyura mu kirere yaka umuriro (inaudible) ni ariya masasu bita ngo ni ee... "trançantes", bagize ubwoba rero ubwo kuko nyine bibajije mu mujyi hari intambara yaba yarose, bityo rero nkaba ngira ngo uu... mwebwe akanya mbonye mbabwire uko ibintu byagenze.

Mu by'ukuri muri iyo Selire hari hasanzwe hari utubazo ee... tumeze nk'amakimbirane aturuka ku bantu... ee... batavuga rumwe. Mu minsi yashize hari umuturage ee... waje kuhakubitirwa... hanyuma ba... abandi baramuzana bamugeza ku ruzitiro rwa hariya Inkotanyi zifite ibirindiro kuri CND ndetse baza batera amahane bavuga bati "murabona uko muri aho ngaho n'abantu bacu ukuntu bamererwa mubivugaho iki mubikoraho iki"? Mu minsi yakurikiye batubwiye ko hari abantu bakoraga amaliste bakayageza ngo mu Nkotanyi cyane cyane amaliste ariho abantu batavuga rumwe n'Inkotanyi, ubwo bikaza mu mashyaka cyanga se bikaza mu bundi bushyamirane bwashobora kuboneka. Uwari ku isonga yabo ni uwitwa HARERIMANA Léopold, nkaba nzi neza ko ubutegetsi bwamwoherereje nk'uko amategeko abiteganya ee... manda...

mandat d'amener, kugira aba ya... yitaba ubutegetsi noneho barebe ee niba koko ibyo bavugaga ari byo yitabe agire ibyo avuga, hanyuma uwo mugabo aho kugira ngo yitabe nta n'ubwo yigeze aza ee yahisemo ahubwo gu...hungira mu Nkotanyi nk'uko babitubwiye ngo akajya ataha iwe ninjoro. Ubwo rero haje ikintu cy'urwikekwa abantu bavuga ko... hari abakorerwa amaliste noneho bikaba byavamo ee... gucura umugambi wo kuba babica ninjoro, ni yo mpamvu... ee... haje kuba ee uburyo bwo kwirarira haza... haza udukipe mu bantu ku buryo icyo kibazo mbere y'uko ibi biba nijoro niko twari tukizi ku buryo mu nama mperutse kugirana n'Inzego z'umutekano zo muri Komine Kacyiru nasabye ubwanjye ari Konseye ari Burugumestre kuba bakwihu... hutira kujya gukoreha inama muri iyo Segiteri muri rusange kuko n... iyo Selire siyo yonyine, (inaudible) igomba kuba iri n'andi kugira ngo bumve ibyo abaturage bababwira bumve impungenge bafite noneho bafate imyanzuro yatuma abantu bongera kubana neza nta mvururu zibaye.

Nkurikije za ankete rero zakozwe nk'uko ibintu byashoboye kugaragara ku buryo bwihutirwa, abaturage batubwiye yuko hari agatsiko k'abantu bageze nko kuri mirongo itatu mirongo ine, bari bitwaje intwaro za kinyarwanda zirimo ee... imipanga, ii... ii... zirimo amacumu zirimo... ee.... inkota na za fer à béton muri bo ariko hakaba harimo umuntu ngo wari ufite imbunda kuko bayumvise irasa, imbunda imeze nka Kalacinikovu cyanga se Mitrayete, imbunda irasa amasasu menshi, Muri abo ngabo na none hagomba kuba harimo ee... undi muntu wari ufite ee... grenade kuko bayiteye ndetse n'aho yaterewe twahasanze ikimanyu ee cyayo. Baraza rero ngo baza babanjue guhurira ku mugabo witwa Isayi, hanyuma noneho bakaba bari bafite abantu babarangaje imbere, muri abo bari babarangaje imbere hakabamo wawundi witwa HARERIMANA Léopold, ee n'undi mushoferi bavuze witwa Cyiza, Cyiza akaba ari umushoferi ngo ukora muri ONATRACOM n'abandi babari imbere noneho bakaza ngo bavuga bati "uyu ni umwe muri babandi twababwiraga, uyu ni umwe muri babandi twababwiraga". Abo basaga ahanini n'ababereka aba...ntu badashaka ee bityo kugira ngo babagirere nabi. Bagira rero muri... bakigera muri iyo Karitsiye bahise bakoma akamu bavuga bati "amabandi arateye", ubwo ahari byari... byari ukugira ngo batere ubwoba abaturage noneho nk'uko dusanzwe tubimenyereye iyo igitero nk'icyo cyabaye abaturage bagerageza gutabarana noneho basohoke mugihiriri nibasohoka noneho wenda bajye bafatamo babandi bifuza bagerageze kubahitana. Uwasohotse ni uwitwa

SEBURIKOKO, uwo... ni umuntu wicu... wacukuraga imicanga hariya i Nyarutarama, ee... ngo bahise bamurasa yikubita hasi ndetse baramusonga bamukubita bya barres à mine mu mutwe ee nyuma abajandarume bahageze bagomba kuba aribo bamujyanye kwa muganga ariko yahise apfa kubera ko yari afite ibikomere bikomeye cyane. Abandi rero ba...

**Fin de la cassette.**